REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'UBUCURUZI
E-mail: info.tcnyarugenge@judiciary.gov.rw

**ITEGEKO RYA PEREZIDA RITEGEKA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA ABA MU RWANDA HAZWI CYANGWA UDAFITE AHO ABA HAZWI.**

Umwaka wa **2024,** umunsi wa **30** w'ukwezi kwa **MUTARAMA**

Twebwe, **KANYAMIBWA Christine**, Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi, dufashijwe na **BARIGE Emmanuel** Umwanditsi w'urwo rukiko.

Tumaze kubona ikirego **N°RCOM 01669/2023/TC** cyatanzwe na NERETSE Faustin mwene MWABO Patrice na NTAWUMUSABUNDI Philomene utuye mu Mudugudu wa Inyarurembo, Akagari ka Kiyovu, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali,

irega **TomTransfers Ltd** utuye mu Mudugudu wa Buhoro, Akagari ka Niboye, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali,ubu idafite aho ikorera cyangwa ibarizwa hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu Mahanga;

***Urubanza ruzakorerwa inama ntegurarubanza kuwa* 15/04/2024 saa 10h30**

Dushingiye ku ngingo 45 na 46 y'Itegeko no 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,

Dutegetse ko ihamagara rya **TomTransfers Ltd** rimanikwa ku rukiko rw'ubucuruzi no ku nkiko zose zisumbuye ahamanikwa amatangazo mu gihe cy'amezi abiri,

Kopi y'ikirego azayisanga mu Bwanditsi bw'uru Rukiko.

Iri tegeko rizatangazwa mu kinyamakuru IGIHE.

Bikorewe mu biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

KANYAMIBWA Christine
Perezida

BARIGE Emmanuel
Umwanditsi